Rwanda Youth Volunteers in Community Policing
Kigali, Rwanda

Kigali, kuwa 13 Ugushyingo 2020
Ref: YV/NC/04-11/2020

**Madamu/Bwana Umuhuzabikorwa wa RYVCP mu Karere (Bose);**

**Impamvu: Amabwiriza yihariye yo guhitamo abakusanyamakuru.**

Madamu/Bwana;

Nshingiye ku ibaruwa **№ 0659/2020/10/NISR** yo kuwa **11 Ugushyingo 2020** twatindikiwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) yadusabaga urutonde rw'Urubyiruko rw'Abakorerabushake bazakora mu ikusanyamakuru ry'imirimo n'aho ikorerwa **(Establishment Census 2020);**

Nejejwe no kubagezaho amabwiriza yihariye ari k'umugereka w'iyi baruwa azagenderwaho hatoranywa Urubyiruko rw'Abakorerabushake bazakusanya amakuru y'imirimo n'aho ikorerwa mu Gihugu hose.

Mugire amahoro.

**Murenzi Abdallah**
**Umuhuzabikorwa wa RYVCP k'urwego rw'Igihugu.**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Umuyobozi mukuru wa Polisi y'Igihugu
- Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare

**KIGALI**

Tel: (+250) 788 380 391 P.O. Box: 6304 Kigali Email: youthvolunt@gmail.com

Rwanda Youth Volunteers in Community Policing
Kigali, Rwanda

## AMABWIRIZA YIHARIYE AGENDERWAHO MUGUHITAMO UMUKORERABUSHAKE UZAKORA MU IKUSANYAMAKURU RY'IMIRIMO N'AHO IKORERWA.

### Ingingo ya 1: Ibyo utoranywa agomba kuba yujuje

### 1.1 Amabwiriza y'ikigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare (NISR):

1. Kuba ari Umunyarwanda
2. Kuba asanzwe aba mu Urubyiruko rw'Abakorerabushake (Youth Volunteers database)
3. Kuba yararangije ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza (A0) cg icyambere (A1) muri Economics, Statistics, Accounting, Finance, Business Administration n'ibindi bifite aho bihurira n'ibi.
4. Kuba asanzwe atuye mu Murenge uzakorerwamo ibarura.
5. Kuba arangwa n'ikinyabupfura n'ubunyangamugayo.
6. Kuba ntaburwayi afite bwamubuza gukora ako kazi.
7. Kuba azaboneka mugihe cyose cy'amahugurwa azabera (Hagati ya 20-30 Ugushyingo 2020) n'igihe cyose cy'Ikusanyamakuru (1 Ukuboza 2020-5 Mutarama 2021).
8. Kuba asanzwe afite kandi azi gukoresha Smart Phone izamufasha kwitabira amahugurwa azakorerwa ku ikoranabuhanga (Online Training).
9. Kuba asanzwe afite uburambe mu ikusanyamakuru kandi akaba yarigeze kugira ibyo akora birimo nko kurwanya COVID-19, ikusanyamakuru ku makuru y'ibyiciro by'ingo n'ibindi bifite aho bihuriye n'ibikorwa by'ubwitange n'ubukorerabushake byaba ari akarusho.

### 1.2: Ibindi bigenderwaho

1. Kuba asanzwe yitabira gahunda z'ibikorwa bitegurwa n'urubyiruko rw'abakorerabushake mu Murenge.

2. Utoranywa agomba kuba adafite akandi kazi asanzwe akora,

3. Mugihe Abakorerabushake bakenewe mu Murenge barenze umwe (1), batoranywa mu Tugari dutandukanye bitewe n'umubare w'abakenewe ndetse n'umubare w'Utugari tugize uwo Murenge.

Tel: (+250) 788 380 391 P.O. Box: 6304 Kigali Email: youthvolunt@gmail.com

4. Iyo bigaragaye ko mu Murenge nta bujuje ibisabwa mu ngingo ya mbere cyane cyane mu gace ka **3;** harebwa abandi bafite impamyabumenyi byibuze y'amashuri atandatu (S6) ariko wujuje ibindi byose bisigaye mubivugwa mu ngingo ya **1.1** y'aya mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 2:</u> Abagize Komite yo kwemeza abakusanyamakuru**

Abagize komite yo kwemeza Urubyiruko rw'abakorerabushake bazakusanya amakuru; batoranywa muri komite ya RYVCP kurwego rw'Umurenge n'Akarere bakaba bemeza abakorerabushake bujuje ibisabwa nkuko biteganywa mu ngingo ya mbere y'aya mabwiriza.

**2.1: Ku rwego rw'Umurenge**

Abagize iyi komite ku rwego rw'Umurenge ni:

1. Umuhuzabikorwa
2. Umuhuzabikorwa wungirije
3. Umunyamabanga
4. Uhagarariye Komite Ngengamyitwarire
5. Uhagarariye Komite Ngenzuzi

Aba bose batoranywa muri komite ya RYVCP ku rwego rw'Umurenge.

**2.2: Ku rwego rw'Akarere**

Abagize iyi komite ku rwego rw'Akarere ni:

1. Umuhuzabikorwa
2. Umuhuzabikorwa wungirije
3. Umunyamabanga
4. Uhagarariye Komite Ngengamyitwarire
5. Uhagarariye Komite Ngenzuzi

**<u>Ingingo ya 3:</u> ibijyanye no kwemeza urutonde**

Urutonde rwemezwa na komite ya buri rwego (Umurenge n'Akarere) nkuko biteganywa mu ngingo ya 2 y'aya mabwiriza; nyuma yo gusuzumana ubwitonzi ko abakorerabushake bujuje ibisabwa.

Abagize komite yo ku Murenge bemeza abakorerabushake bazakora ikusanyamakuru bifashishije ifishi iri k'umugereka yatanzwe na NISR, hanyuma bakabyohereza ku rwego rw'Akarere bamaze kuzuza ifishi igenewe abagize komite.

Komite yo ku Karere ishinzwe gusuma ko urutonde rwavuye mu Murenge rwujuje ibisabwa byose kandi ko rwakozwe mu mucyo. Iyo birangiye byose abagize komite ku Karere bahuza urutonde rwose rwemejwe bakoresheje ifishi (Template) yatanzwe na NISR bakanuzuza ifishi ihamya amakuru iri kumugereka.

**Tel:** (+250) 788 380 391 **P.O. Box:** 6304 Kigali **Email:** youthvolunt@gmail.com

**Ingingo ya 4: Ibijyanye no gutanga urutonde**

**4.1** Urutonde ruzava ku Murenge rwoherezwe ku Karere bamenyeshe ubuyobozi bw'Umurenge na Polisi y'igihugu mu Murenge;

**4.2** Urutonde ruzava ku Karere rwoherezwe ku rwego rw'Igihugu rumaze kwemezwa na komite yo ku Karere; bamenyeshe Umuyobozi w'Akarere na Polisi y'Igihugu mu Karere.

**4.3 Kuva ku Murenge bijya ku Karere:**

Bitarenze kuwa 16 Ugushyingo 2020 I saa Sita z'amanywa (12:00 pm)

**4.4 Kuva ku Karere bijya ku rwego rw'Igihugu**:

Bitarenze kuwa 17 Ugushyingo 2020 I saa Yine za mugitondo (10:00 am).

**4.5** Urutonde ruzatangwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga **(Email: youthvolunt@gmail.com )**

**Ingingo ya 5: Gufata ibyemezo**

Mugihe havutse ikibazo kidafitiwe igisubizo n'aya mabwiriza; kimenyeshwa umuhuzabikorwa wa RYVCP uri ku rwego rwisumbuye mbere yogufatwaho umwanzuro.

**Ingingo ya 6: Abashinzwe kubahiriza aya mabwiriza**

Aya mabwiriza agomba kubahirizwa n'umuhuzabikorwa wa RYVCP kurwego rw'Umurenge, Akarere n'abakurikirana ibikorwa bya RYVCP ku Ntara n'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 7: Ibihano biteganijwe**

Umuntu wese unyuranije n'ibikubiye muri aya mabwiriza; ahanishwa ibihano bitaganywa n'amabwiriza yihariye ya RYVCP.

**Ingingo ya 8: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Bikorerwe i Kigali kuwa 13 Ugushyingo 2020

RWANDA YOUTH VOLUNTEERS IN COMMUNITY POLICING
Security-Unity-Development

**Murenzi Abdallah**
**Umuhuzabikorwa wa RYVCP ku rwego rw'Igihugu**

Tel: (+250) 788 380 391 P.O. Box: 6304 Kigali Email: youthvolunt@gmail.com

## 3. FORM TO BE FILLED FOR SELECTED CANDIDATES

YOUTH VOLUNTEERS FOR THE 2020 ESTABLISHMENT CENSUS DATA COLLECTION

Province.........................................................

District............................................................

Name of the youth Volunteers' District coordinator............................................................Tel..............................................E-mail...........................................................

| NO | NAMES | PHONE | EMAIL | ID Number | QUALIFICATION | RSSB NUMBER | ACCOUNT NUMBER | BANK NAME | RESIDENCE | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | DISTRICT | SECTOR | CELL | VILLAGE |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |
| | | | | | | | | | | | | |

RWANDA YOUTH VOLUNTEERS IN COMMUNITY POLICING
Security-Unity-Development

**IFISHI YIFASHISHWA MU KWEMEZA ABAKORABUSHAKE BAZAKORA MU IKUSANYAMAKURU RY'IMIRIMO N'AHO IKORERWA MU KARERE (ESTABLISHMENT CENSUS 2020)**

INTARA YA: ..................................................

AKARERE KA: ..............................................

Twebwe abagize komite yo kwemeza abakorerabushake mu Karere ka ................................... nyuma yo gusuzuma no kwigana ubushishozi urutonde rw'Urubyiruko rw'Abakorerabushake bazakusanya amakuru y'imirimo n'aho ikorerwa batoranijwe mu Mirenge yose igize akarere; turemeza ko twasanze byarakoranywe ubwitonzi kandi mu mucyo kandi abatoranijwe bose bujuje ibisabwa.

| ABAGIZE KOMITE Y'AKARERE | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **ICYO ASHINZWE** | **AMAZINA** | **INDANGAMUNTU** | **TELEFONI** | **UMUKONO** |
| **Umuhuzabikorwa** | | | | |
| **Umuhuzabikorwa wungirije** | | | | |
| **Umunyamabanga** | | | | |
| **Uhagarariye Komite Ngengamyitwarire** | | | | |
| **Uhagarariye Komite Ngenzuzi** | | | | |

RWANDA YOUTH VOLUNTEERS IN COMMUNITY POLICING
Security-Unity-Development

**IFISHI YIFASHISHWA MU KWEMEZA ABAKORABUSHAKE BAZAKORA MU IKUSANYAMAKURU RY'IMIRIMO N'AHO IKORERWA MU MURENGE (ESTABLISHMENT CENSUS 2020)**

AKARERE KA: ............................................

UMURENGE WA: ......................................

Twebwe abagize komite yo kwemeza abakorerabushake mu Murenge wa ............................................ Turemeza ko Abakorerabushake bari ku mugereka aribo bemejwe nk'abazakusanyamakuru ry'imirimo n'aho ikorerwa (Establishment Census 2020) kandi bakaba batoranijwe mu mucyo.

| ABAGIZE KOMITE Y'UMURENGE | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **ICYO ASHINZWE** | **AMAZINA** | **INDANGAMUNTU** | **TELEFONI** | **UMUKONO** |
| **Umuhuzabikorwa** | | | | |
| **Umuhuzabikorwa wungirije** | | | | |
| **Umunyamabanga** | | | | |
| **Uhagarariye Komite Ngengamyitwarire** | | | | |
| **Uhagarariye Komite Ngenzuzi** | | | | |

RWANDA YOUTH VOLUNTEERS IN COMMUNITY POLICING
Security Unity Development